Higher Education Council
Quality Education - Our Aim

**ITANGAZO RIREBA ABASABYE INGUZANYO YO KWIGA MURI KAMINUZA Y'U RWANDA (UR SECOND INTAKE) NO MURI POLITEKINIKI Y'U RWANDA (RWANDA POLYTECHNIC - ADDITIONAL STUDENTS) MU MWAKA W'AMASHURI 2025-2026.**

Ubuyobozi bwa Higher Education Council (HEC) buramenyesha abanyeshuri bazatangira umwaka wa mbere (1st Year) mu mwaka w'amashuri 2025/2026 muri Kaminuza y'u Rwanda (UR - Second intake) no muri Politekiniki y'u Rwanda (Rwanda Polytechnic - Additional students) basabye inguzanyo yo kwiga ko ibyavuye mu busabe bw'inguzanyo biboneka banyuze kuri https://hecmis.hec.gov.rw/ - Requested loans results.

Uwasabye inguzanyo yinjiza ahabugenewe "Registration Number" akabona ibyavuye mu busabe bwe bw'inguzanyo, akaba yabona n'urupapuro rubyerekana.

Ibyagendeweho mu gutanga inguzanyo ni ibi bikurikira:

1. Amanota umunyeshuri yagize asoza amashuri yisumbuye ahabwa : **50%**
2. Ibyo umunyeshuri agiye kwiga muri Kaminuza/Ishuri Rikuru : **50%**

**Icyitonderwa:**

1. Umunyeshuri uzahindura ibyo yahawe kwiga ashobora kubura inguzanyo.
2. Abanyeshuri batasabye inguzanyo kubera ibibazo bafite mu myirondoro yabo begera UR bagatanga imyirondoro yuzuye kugirango bazashyirwe muri HECMIS basabe inguzanyo. Ntabwo imyirondoro itangwa muri HEC.
3. Abanyeshuri batinze kubona "admission" nabo bazasaba inguzanyo mu gihe cyagenewe ubujurire.
4. Abanyeshuri batasabye inguzanyo kandi basanzwe muri HECMIS bazabikora mu gihe cy'ubujurire.
5. Abanyeshuri batahawe inguzanyo ni abatarayisabye. Uyishaka akaba atayibonye anyura kuri https://hecmis.hec.gov.rw/ agatanga ubusabe anyuze kuri "Apply local loan/Undegraduate).
6. Igihe cyo kwakira ubujurire HECMIS izaba ifunguye. Umunyeshuri wamaze gukemura ikibazo cyatumaga adasaba inguzanyo azajya ahita ayisaba.
7. Igihe cyo kujurira ni guhera tariki ya **24/10/2025 kugeza 31/10/2025. Nyuma yaho nta bujurire buzakirwa, na HECMIS ikoreshwa mu gusaba inguzanyo izaba ifunze.**

Bikorewe i Kigali, ku wa 23/10/2025.

Digitally signed by HEC(Director General)

**Dr. Edward KADOZI**
Umuyobozi Mukuru